



Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°29/2017:

Taliki ya 11-20 Ukwakira 2017

Ryoherejwe kuwa 22 Ukwakira 2017

Ingingo z'ingenzi:

- o **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 11-20_Ukwakira_2017; cyagaragaje imvura iri ku kigereranyo cy'iyari isanzwe iboneka kugera hejuru uretse ku bupimiro bumwe bwo mu majyaruguru ndetse n' amajyepfo y'Uburengerazuba (Musanze, Rusizi na Bugarama) by'igihugu.
- o Amashusho y'icyogajuru yerekana **iyongera ku bubobere bw'ubutaka** kubera imvura yabonetse hose mu gihugu ubwiyongere bugaragara cyane mu Majyepfo ndetse n'Uburasirazuba
- o **21-31_Ukwakira_2017**; hateganyijwe **imvura iri ku kigereranyo gisanzwe**; ikazaboneka hose mu Rwanda ariko ikagabanuka mu ngano ugereranyije mu gice cya 2 cy' Ukwakira_2017

I. Iriburiro


Mu gice cya kabiri cy' Ukwakira_2017; igiteranyo cy'imvura yabonetse cyagaragaje ko iyo mvura yabaye nyinshi henshi mu gihugu ariko hanaboneka aho yabaye nke (ku bupimiro bwa Gitega, Musanze, Rusizi na Bugarama) ariko muri rusange imvura yabonetse ku gipimo gisanzwe kuzamuka

- a) Imbonerahamwe zikurikira zirerekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 11-20_Ukwakira_2017 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20_Ukwakira_2017	11-20_Ukwakira
Kigali	28.1	32.3
Rusizi (Kamembe)	38.2	53.0
Rubavu (Gisenyi)	82.8	47.9
Nyamagabe (Gikongoro)	45.4	36.0
Ngoma (Kibungo)	56.4	33.5
Gicumbi (Byumba)	56.2	39.7
Bugarama	37.4	42.6
Musanze (Ruhengeri)	36.2	59.6
Gitega	20.3	37.6
Rubengera	40.4	44.4
Byimana	61.3	40.0
Kawangire	82.9	36.8


Imbonerahamwe ya




Igishushanyo 1

b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira (iya **1&2**) zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 11-20_Ukwakira_2017 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 01-10_Ukwakira_2017 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.


Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Ukwakira_2017




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Ukwakira



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Ukwakira_2017



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Ukwakira




II. Uko imvura yaguye mu mataliki ya 11-20_Ukwakira_2017 mu buryo burambuye

Mu gice cya kabiri cy' Ukwakira_2017; igiteranyo cy'imvura yabonetse cyagaragaje ko iyo mvura yabaye nyinshi henshi mu gihugu ariko hanaboneka aho yabaye nke ku bupimiro bwo mu gihugu hagati, mu majyaruguru ndetse no mu majyepfo y'Ubugerazuba; ariko muri rusange imvura yabonetse ku gipimo gisanzwe kuzamuka (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe ya1**); naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Ukwakira_2017; cyagaragaje ko mu bice by'amajyaruguru, Uburasirazuba ndetse no mu gihugu hagati ariho habonetse imvura nke ugereranyije n'iyari isanzwe ihaboneka ndetse n'iyabonetse ahandi mu gihugu (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe ya1**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Mu gice cya 2 cy' Ukwakira_2017; amashusho y'icyogajuru yerekana iyongera ku bubobere bw'ubutaka ryinshi mu burasirazuba (kubera ukwiyongera kw'imvura yahabonetse mu gice cya 2 cy' Ukwakira_2017); ukwiyongera gukomeza kuboneka n'ahandi mu gihugu kubera imvura yabonetse hose mu gihugu; reba **Ikarita 5&6**)

Mu gice cya 3 cy' Ukwakira_2017; hateganijwe imvura izaboneka hose mu gihugu iri ku kigero cy'iyari isanzwe ihaboneka muri ayo mataliki; ariko hakaboneka ubugabanuke mu ngano ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya kabiri cy' Ukwakira_2017 (cyane mu majyaruguru ndetse n'uburengerazuba bw'igihugu)

b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Ukwakira_2017

Hateganijwe imvura izaboneka ku gipimo kiri ku rugero rumwe hose mu gihugu ndetse n'iyari isanzwe iboneka muri ayo mataliki kuri buri bipimo; iyo mvura ikazaba atari nyinshi ugereranyije n'iyabonetse mu gice cya kabiri cy' Ukwakira_2017

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri muni (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)